CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
Secrétariat Général
B.P. 357 Kigali / Rwanda
Tél. : (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

ITANGAZO

Muri iyi minsi Abepiskopi Gatolika twandikiye abakristu tubashishikariza gukomeza guharanira ubumwe n'ubwiyunge, gusaba imbabazi no kuzitanga mu rwego rwo kwibuka twiyubaka.

Muri iyo baruwa hari ibyakomerekeje abantu cyane cyane ibirebana n'ibyo twasabiye abashaje cyane n'abarwaye cyane bari mu munyururu bafungiwe icyaha cya jenoside.

Tubabajwe nuko byakomerekeje abantu cyane cyane bitewe n'igihe twabivugiye; ibyo sibyo twari tugamije. Dusabye imbabazi kuko twabivuze muri iki gihe gikomeye cy'icyunamo.

Dukomeje gufata mu mugongo abacitse kw'icumu n'umuryango nyarwanda muri rusange muri iki gihe twibuka abacu bazize jenoside yakorewe abatutsi.

Imana ihoza imbabare ibahumurize kandi idufashe kubakomeza cyane cyane muri ibi bihe bitoroshye.

Bikorewe i Kigali kuwa 13 Mata 2019.

+ Myr Filipo RUKAMBA,

Prezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda.

+ Rukamba

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
C EP R
B.P. 357 Kigali Rwanda
* PRESIDENT *